# Dukunde gusoma

## Inkuru ya 7 na 8







Icapwa rya kabiri

REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda

Ntikigurishwa

# IJAMBO RY'IBANZE

Barimu, babyeyi,

Aka gatabo karimo udukuru tugufi abanyeshuri bisomera. Utwo dukuru twanditswe kugira ngo dufashe abanyeshuri kwisomera ubwabo hakiri kare no gushyira mu bikorwa ibyo bize mu ishuri. Utu dutabo tuzafasha cyane abanyeshuri biga mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza.

Utwo dukuru twanditswe bwa mbere na REB, turi mu dutabo 12. Buri gatabo karimo udukuru tubiri tujyanye n'inyuguti zizwe. Buri gakuru kajyanye n'inyuguti cyangwa igihekane gishya kizwe. Iyo umwarimu yigishije inyuguti nshya, abanyeshuri baba bakeneye gusoma amagambo menshi arimo iyo nyuguti.

Abanyeshuri ntibagomba gutegereza gusoma utu dutabo ari uko bize inyuguti cyangwa ibihekane byose kubera ko inkuru zanditsemo zirimo inyuguti bize gusa. Ni yo mpamvu, iyo abanyeshuri bamaze kwiga urugero inyuguti ya R, bashobora gutangira gusoma amagambo yoroshye nka 'ururo' cyangwa 'ararira'. Agatabo ka mbere karimo amagambo nk'ayo gusa ku buryo bifasha abana gutangira gusoma hakiri kare.

Shishikariza abanyeshuri gutira utu dutabo mu isomero ry'ishuri kandi badutahane mu rugo, badusome ku giti cyabo cyangwa badusomere abo babana. Babaze ibibazo bibafasha kumva ibyo basomye. Bashishikarize kandi gufata neza utu dutabo.

Umuyobozi w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze.

## Inkuru ya 7

# Uruyuki





Uruyuki ruguye kuri Mariyamu. Mariyamu akurura uruyuki amababa.



Uruyuki ruraguruka.



Uruyuki rugaruka kuri Mariyamu.



Uruyuki rurekurira urubori ku kuguru.



Mariyamu yiyama uruyuki.



Mariyamu yigira inama yo kurureka.
Uruyuki rurigurukira.

# Uruyuki

## Amagambo y'ingenzi

| | |
|---|---|
| yiyama | yigira |
| urubori | uruyuki |
| ruguye | Mariyamu |

Umubyeyi cyangwa undi muntu mukuru ubana n'umunyeshuri, asabwa kumufasha gukora umukoro wo gusoma agakuru no gusubiza ibibazo bijyanye na ko.

## Ibibazo byo kumva agakuru

1. Uruyuki  rwarekuriye urubori he?
2. Mariyamu yiyamye iki?

## Inkuru ya 8

# Umutaka uguruka







Muteteri yagiye mu Gatigita.
Atira umutaka ukomeye.



Abona umuyaga urimo utubuye.



Mu kayira abona ikiyaga.



Muteteri biramuyobera.



Muteteri aguruka mu mutaka.




Muteteri ari mu mutekano
mu Gatigita.

# Umutaka uguruka

## Amagambo y'ingenzi

| | |
|---|---|
| atira | utubuye |
| Muteteri | umutaka |
| Gatigita | umutekano |

Umubyeyi cyangwa undi muntu mukuru ubana n'umunyeshuri, asabwa kumufasha gukora umukoro wo gusoma agakuru no gusubiza ibibazo bijyanye na ko.

## Ibibazo byo kumva agakuru

1. Muteteri yagiye he?
2. Umuyaga warimo iki?

© 2023 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa mbere ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa kabiri ku nkunga ya Banki y'Isi.

## Abanyeshuri bashobora gusoma

### Uruyuki



Nyuma yo kwiga inyuguti ya **y/Y**

### Umutaka uguruka



Nyuma yo kwiga inyuguti ya **t/T**

Udukuru dukubiye muri aka agatabo turimo amagambo agizwe gusa n'inyuguti abanyeshuri bamaze kwiga. Abanyeshuri bashobora kwisomera utu dukuru bo ubwabo nyuma yo kwiga inyuguti zigaragara hejuru. Kubera ko hari igitabo gisanzwe cy'umunyeshuri, aka gatabo gakubiyemo ubwoko bw'udukuru tw'inyongera umunyeshuri azajya asoma ku giti ke kugira ngo akomeze akore indi myitozo yo kwimenyereza gusoma inyuguti yize. Umubyeyi cyangwa undi muntu mukuru ubana n'umunyeshuri asabwe kujya afasha umunyeshuri gusoma agakuru no kumubaza ibibazo bijyanye na ko byateganijwe.